

Amashuri ya leta muli Buffalo

Ibyashyirwa mu bikorwa by'ikigega cya Amerika cyo muli 2021 bigenewe kuzahura uburezi.

Ibikorwa bizibanda ku ngingo zikulikira buli ngingo ifatwa ukwayo:

- Ingamba zo gusana ibikorwa remezo, amazu n'ibibuga
- Gufasha abanyeshuli gukoresha ubumenyi bwa teknologiya
- Ubuzima n'umutekano by'abanyeshuli
- Ingamba zo kubonera inyishy ikibazo cy'abatarashoboye gukulikira amasomo
- Guteza imbere imyigishilize
- Ibikorwa byo gushyigikira imibereho myiza y'abanyeshuli no gufata mu mugongo abahuye n'ibibahungabanya
- Gushyigikira abanyeshuli bafite byinshi bakeneye kurusha abandi
- Gushyigikira abanyeshuli b'abimukira n'abatangiye kwiga icyongereza
- Gushyigikira ababyeyi n'imiryango
- Ibikorwa byo guteza imbere ubunyamwuga

1. Tubwire agatsiko wajya mo. (Ereka udutsiko wumva ulimo)

- Agatsiko k'abatuye mu mujyi wa Buffalo
- Ak'ababyeyi/Abarezi/Abita ku banyeshuli
- Ak'abanyeshuli
- Ak'abarangilije mu mashuri ya leta i Buffalo
- Ak'abali mu mashyirahamwe y'abatuye i Buffalo cyangwa abahagaraliye amashyirahamwe (urugero: Say Yes, United Way, etc.)
- Ak'abaganda, abafomomo cyangwa inzobere mu buganga
- Ak'ababa nu ngo zivuga urulimi rutali icyongereza
- Ak'abasangwa-butaka bo muli Amerika
- Agatsiko kandi (kavuge) _____

2. Ibikorwa byo gusana ibikorwa remezo, amazu n'ibibuga: (Ereka icyo washyigikira)

- Gusana/kunoza imikorere y'ibyuma Bizana umwuka ukonje kandi mwiza hagamijwe ko abantu bahumeka umwuka wujuje ubuziranenge.
- Gusana ahali amazi kugirango abanyeshuli bajye bahuzuliza amacupa yabo.
- Kurushaho kugira isuku mu mashuri.
- Kuzana ibikoresho bishya muli aho abana balira mu mashuri kugirango harangwe n'umutekano n'isuku.
- Gusana no kwita ku mutekano mu mazu y'amashuri (urugero: amadilishya, imilyango bishya, ibikoresho by'umutekano bishya, gusana ibisenge, inkuta, imhombu, insinga z'umuliro, amarangi, nyabitabo, gushakira umuti ikibazo cy'amarangi yashaje, n'ibindi.). Uwagira ikindi gitekerezo kirebana no gusana amazu, yakivuga ku gika cyangitse ngo "ibindi" hano hasi.
- Gusana/gukora neza ibibuga by'imyitoto ngorora-ningo, ibuibuga by'imikino, n'ahitwa gymnasium kugirango bigire umutekano uhamye, abanyeshuli babashe kuhahanira intera kandi habashe kwakira

bose halimo n'abanyeshuli n'imiryango ifite ubumuga (urugero: intebe zicarwaho n'abandu benshi, amihanda inyurwamo n'abirukanka, ahakorerwa imikino yo gusiganwa, aho abakinyi bambalira imyambaro bakinana, n'ibindi.).

- Gushyiraho uburyo imiryango, incuti n'abahagaraliye abanyeshuli babonera ibyavuye mu mikino batiliwe baja kuyireba igihe guhana intera bidashoboka kubera abantu benshi.
- Nta na kimwe muli ibi byose
- Ibindi _____

3. Ubumenyi bw'abanyeshuli mu gukoresha ikorana-buhanga: (Erekana ingamba washyigikira)

- Kugura ibikoresho by'ikorana-buhanga mu burezi (bilimo ca mudasobwa, program za mudasobwa, ibikoresho bihuza za netwaki, ubuhanga bwo gufasha abanda, n'ibikoresho bishobora gusimburana) byo gufasha abanyeshuli mu buryo busanzwe n'ubwihaliye mu gutanga ubumenyi.
- Kugura za kamera zihambaye (urugero: kamera zikulikira mwalimu uko agendagenda mw'ishuli, amaguru atatu aterekwaho za kamera, n'ibindi.)
- Guha WiFi amashuri na karitsiyeyi ayo mashuri aho mu kugirango abanyeshuli n'ababyeyi babone Internet y'ubuntu.
- Kwigisha abalimu gutanga amasomo bakoresheje ikorana-buhanga Batali kumwe n'abanyeshuli mu rwego rwo kworoshya imyigire.
- Gushyiraho ingamba zo kurema bushya ibyumba by'amashuri ku buryo birushaho gutanga umutekano, no gushyirwamo imfasha-nyigisho ziboneye kurusha.
- Programu za mudasobwa zo gufasha kugena inzira ya za basi zitwara abanyeshuli, halimo na za applications zituma abanyeshuli n'ababyeyo bamenya aho basi zigeze n'igihe zibagereraho.
- Kuvugurura za mudasobwa na za program za mudasobwa zifasha muli program zo kwigisha abantu bakuru.
- Muli ibi byose nta na kimwe nashyigikira
- Ibindi _____

4. Ubuzima n'umutekano by'abanyeshuli: (Erekana ingamba washyigikira)

- Gukomeza gutanga ibikoresho byo kwilinda COVID-19 (urugero: ibirahuli bikingira mu maso bikora nk'agapfuka-munwa, udupfukamunwa, alukoli yica udukoko mu biganza, ibikoresho by'isuku, n'ibindi).
- Guha abigishiliza hanze y'amashuri y'abana ibikoresho byo kwilinda COVID-19 (urugero: abigisha abakuze kuli za centre zihulirwaho n'abahatuye).
- Gushyiraho ibyumba abanduye bifungirana mu muli za kilinike cyangwa hafi yazo aliko bifite ibyuma byihaliye bizanamo umwuka usukuye wo guhumeka.
- Kwongera inshuro zo gupima COVID-19 abanyeshuli n'abakozi b'amashuri mu bigo by'amashuri.

- Gushyiraho ibindi bikoresho Bizana umwuka usukuye kugirango byunganire ibisanzwe aho abanyeshuli bakorera imyitozo ngororamubili, ibyumba binini bafatiramo amasomo rusange, ndetse no mu Byumba balira mo.
- Gushyiraho abaforomo/kazi , abasimbura n’abaherekeza abanyeshuli iyo bakoze urugendo rusange rwa kure, biyongera kubali basanzwe.
- Gushyiraho za kamera zibona neza kurusha, n’uburyo bushya bwo kulinda umutekano mu bigo by’amashuli.
- Gushyiraho imilyango mishya ifite umutekano ku marembo y’ibigo by’amashuli.
- Gusimbura ibirahuli bisanzwe mu madilishya bigasimburwa n’ibidapfumurwa n’amasasu.
- Kugura ibyuma bya kabuhaliwe mu gukulikirana abanyeshuli byo kujya bikulikirana aho basi z’abanyeshuli zigeze, mu rwego rwo kwongera umutekano wabo (urugero: kugirango bamenye ku buryo budasubirwaho ko abanyeshuli bageze kw’ishuli/imuhira).
- Muli ibi byose nta na kimwe nashyigikira
- Ibindi _____

5. Ingamba zo kwishyira igihe cyo kwiga cyatakaye: *(Erekana ingamba washyigikira)*

- Gushyiraho igihe cyo kwigira imbere ya mwalimu mu mezi y’icyi.
- Gushyiraho igihe cyo kwigira imbere ya mwalimu mu gitondo amashuli ataratangira/ni mugoroba amashuli arangiye.
- Gushyiraho uburyo ubundi buryo bwo kwigira imbere ya mwalimu ku wa gatandatu.
- Gushyiraho uburyo bw’inyongera bwo kwigira kure cyangwa online.
- Kugura ibikoresho byifashishwa mu gufasha abanyeshuli bagira ingorane zituma batsindwa
- Nta nakimwe nashyigikira muli ibi byose
- Ibindi _____

6. Ingamba z’imyigishilizes: *(Erekana ingamba washyigikira)*

- Gushyiraho ubushobozi bwo kwiga hakoreshejwe iya kure/online (urugero: imyaka ya nyuma yose y’amashuli makuru nta kujya kumashuli)
- Gushyiraho ubushobozi bwo kwigisha incuke gusoma no kwandika.
- Guha amashuli n’amasomero yayo, inyangirako zitandukanye.
- Kugura ibitabo bishya, za program zo kwigisha, imfashanyigisho, ibikoresho bya STEAM, n’ibikoresho bya labotarwari , nibindi, maze bakabiha amashuli.
- Kugura ibikoresho bitanda amahirwe yo kwihutisha no gukungahaza uburezi.
- Kugura ibikoresho byo kwitabaza muli program zo kwigisha abafite ibngorane zihaliye.

- Kugura ibikoresho byo gufasha abanyeshuli bahuye bwa mbere n'urulimi rw'icyongereza (ENL).
- Kwongera ibikorwa byo kwita ku muco no ku ndimi.
- Kwongera umubare w'imyanya ihabwa abakeneye amasomo atangwamo ubumenyi bwo mu rwego rwo hejuru no kwemerera abanyeshuli benshi baturuka mu miryango itali iy'abazungu.
- Kwagura program isanzwe y'abakina imikino ilimo indilimbo
- Kwongerera agaciro program zigisha imyuga n'ibikoresho bitandukanye (urugero: gusana imodoka n'ibikoresho bifite moteri n'iby'amashanyarazi, ubuhanga butangiza ibidukikije, HVAC, imhombu, ububaji, ubuforomo n'ubumenyi bw'abavulira mu rugo, gupereleza mu bikorwa by'ubmutekano w'abakoresha za mudasobwa , n'ibindi)
- Kwongerera agaciro amasomo atangwa binyuze mu biro bishinzwe abiga bakuze, maze bakabigisha n'ubumenyi bw'uko bivuliza muli Amerika, ndetse n'ubumenyi bwo gucunga imitungo yabo, n'ibindi.
- Kugura ibikoresho biboresha mw'isuzuma-bumenyi bw'abanyeshuli, n'ibyitabazwa mu gushyigikira abatanga inyigisho n'abazihabwa, no kwimenyereza gutanga amanota ntakubera.
- Nta ngamba n'imwe muli izi nashyigikira
- Ibindi _____

7. Gushyigikira umunyeshuli mu mibereho n'abandi /n'incuti: (Ereka ibikorwa washyigikira)

- Guha abanyeshuli ibikoresho bindi byo kwilinda ingorane z'indwara zo mu mutwe no kubitaho mu gihe bali kw'ishuli, ndetse no mugihe cy'inyongera bahawe cyo kwiga, cyangwa iyo abanyeshuli balimo kwigishilizwa imuhira.
- Gushyiraho abakozi b'imibanire y'abantu, abajyanama b'abanyeshuli, inzobere muli psikologiya, abakozi b'ubuzima n'abashinzwe abafite mu mutwe hadakomeye biyongera ku bali basanzwe.
- Kwigisha abakozi kumenya ko abanyeshuli bafite ingorane z'imibanire n'abandi/n'incuti n'abafite indwaza zo mu mutwe kugirango boherezwe ku bajyanama cyangwa abakozi bashinzwe imibanire y'abantu.
- Gusuzuma ibikenewe n'abanyeshuli bashingiye ku rugero rw'isuzuma ry'ingorane z'urubyiruko rwemejwe muli 2019 no muli 2021 n'ingero zitwa Universal Mental Health Screener na School Health Index.
- Gutanga imyitozo no gushyigikira abanyeshuli bihoro mu byerekeye imibanire n'incuti no mu bireba ubumenyi bw'ibituma umuntu yumva ameze neza wese.
- Kwongerera ubumenyi abakozi b'amashuli, balimo abafasha b'abalimu, kugirango bajye babona hakili kare ibimenyetso by'urugomo rugilirwa abana.
- Guha abanyeshuli n'imiryango, ubufasha bwo kwilinda ubiyahuzi n'ibiyobyabwenge.
- Gushyiraho program zo kurwanya urugomo mu mashuli, n'inyigisho ndetse n'uburyo bwo gutanga amakuru ku rugomo rukorwa n'abanyeshuli barukorera abandi (halimo n'urugomo rwo kuli murandasi).

- Gusuzuma ingorane z'imibanire n'incuti hagamijwe gufasha abakozi kuvumbura no guteganyiliza abanyeshuli bafite ingorane z'imibanire n'abandi n'incuti zabo no kwigisha abakozi gusesengura amakuru bayarebera mu ndorerwamo z'imibanire n'incuti ndetse niz'umuco.
- Kwigisha ibirebana n'umutekano w'inyubako z'amashuli hasgamije kwigisha kwitwara neza, umutekano mu mibanire n'abandi no kumenyereza abanyeshuli kwubahiliza amasaha y'ibiteganijwe ku mashuli.
- Nta ngamba n'imwe nashyigikira
- Ibindi _____

8. Gushyigikira abanyeshuli bafite byinshi bakeneye kurusha abandi: (Erekana ibyo washyigikira)

- Guha abanyeshuli n'imiryango babikeneye uburyo bwo kwivuza, no kwigisha abanyeshuli n'ababyeyi ku bibazo by'ubuzima n'imibereho myiza.
- Gushyiraho abakozo bo kuvumbura abanyeshuli bahagalitse ibyo kwiga mu gihe cy'icyorezo cya COVID-19.
- Gufasha abanyeshuli badafite aho baba, abarererwa ahatali iwabo, abirukanywe kw'ishuli by'igihe gito/abatwite n'abanyeshuli bafite abana.
- Nta na kimwe nashyigikira
- Ibindi _____

9. Gushyigikira abanyeshuli b'abimukira n'abacyiga icyongereza: (Erekana ibyo washyigikira)

- Gushyiraho ubufasha bwihaliye, program n'ibikorwa byo gushakira umuti ibibazo byihaliye by'ubukene bw'abanyeshuli n'imiryango ihuye bwa mbere n'urulimi rw'icyongereza.
- Gushyiraho ubufasha bwihaliye, program n'ibikorwa byo gushakira umuti ibibazo by'abanyeshuli n'imiryango ivuga indimi ebyili.
- Gushakira abanyeshuli n'imiryango ibikoresho bisemura indimi (urugero: ibikoresho bambara mu mutwe no ku matwi /programu za mudasobwa zisemura kugirango byoroshe ibyo kuvugana hagati y'abakozi b'amashuli n'imiryango; inyandiko mu rulimi rwa kavukire, inkoranya-magambo yitwa Thesaurus ku banyeshuli bakihagera, n'ibindi.)
- Kwagura amasomo ahabwa abakuze bakinjizamo n'abakuze bahuye bwa mbere n'urulimi rw'icyongereza.
- Nta na kimwe muli ibi nashyigikira
- Ibindi _____

10. Gushyigikira ababyeyi n'imiryango: (Erekana ibikorwa washyigikira)

- Kwongera incuro zo gushyikirana n'ababyeyi no kuganira nabo ku buzima b'uburezi bw'abana babo

- Gukomeza za program zo gushyikirana n'ababyeyi n'imiryango amaso ku yandi cyangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga bitegurwa n'ubuyobozi bw'amashuri ya Buffalo. (Ubu ibigezweho n'ukubaganiliza mu ruhame, inama zihugurirwa mo, udutsiko tw'abiyemeje guha ababyeyi inkunga yatwo, n'imibonano mu ruhame ivuga ku bintu bitandukanye).
- Ibikorwa birebana no kuhugura ababyeyi ku bibazo by'ihungabana ryo mu mutwe.
- Nta na kimwe nashyigikira
- Ibindi _____

11. Ibikorwa biganisha kuba umunyamwuga uhamye: (Erekana ibyo washyigikira)

- Guhugura abakozi ku bumenyi bwa Next Generation no ku ngero zindi z'imyigishilize za Munsteri y'Uburuzi ya leta ya New York (Urugero: imibare, icyongereza, imibanire y'abantu/ubumenyi bw'isi, n'ibindi.)
- Guhugura abakozi ku ngamba z'imyigishilize na za program zigirwa kuli murandasi (urugero: Schoology).
- Amahirwe yo kwongera ubumenyi bwa kinyamwuga mw'ishami ili n'ili.
- Amahirwe y'ubumenyi bwa kinyamwuga mu cyongereza nk'urulimi rushya (ENL) no guhugura abalimu batanga uburezi bwihaliye .
- Guhugura kinyamwuga abakora mu buyobozi bw'amashuri.
- Guhugura abalimu n'abakora mu buyobozi bw'amashuri ku buryo bwo kuzana umwuka mwiza mu mashuri(urugero: ibyasimbuzwa kwirukana abanyeshuli mu gihe gito, guha abanyeshuli amahirwe yo kwikosora, kwita ku muco no ku ndimi z'abanyeshuli igihe mwalimu atanga amasomo ye, uburyo bwo gutuma abanyeshuli bitabirana umwete amasomo, kwiga ibyerekeye imibanire y'incuti, ibituma hali abibaza ko batotezwa aliko bitagaragara neza, kumenya kwita kubahohotewe, n'ibindi.)
- Guhugura no gushyigikira abalimu hakoreshejwe ingero z'amakuru aliho hagamijwe guha abanyeshuli ubumenyi bakeneye.
- Gushakira abanyeshuli imyanya mu mashuri, kubihutisha mu myaka no gukungahaza ubumenyi bikozwe kinyamwuga.
- Kugura ibikoresho bishobora gutanga amahirwe yo gutera imbere kinyamwuga.
- Nta na kimwe muli ibi byose
- Ibindi _____

12. Ufite ibindi bitekerezo tutavuze, wabisobanulira aha. _____